
Bibiliya y'abana
irerekana

# Yesaya yabonye iby'igihe kizaza



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Jonathan Hay
Alastair Paterson


yahujwe na: Mary-Anne S.

yahinduwe na: Margaret Mbabazi

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2026 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.


Yesaya yari umuhanuzi. Inshingano ye yari iyo kubwira abantu ibyo Imana yavuze.



Abantu si ko buri gihe bifuzaga kumva Ijambo ry'Imana, ariko Yesaya ntiyigeze atenguha Imana. Yesaya yabwirije mu gihe cy'ubutegetsi bw'abami bane.



Umwami Uziya yategetse igihugu cy'u Buyuda ari mu murwa wa Yerusalemu.  Ubwa mbere, Imana yahaye umugisha Uziya kuko yakoze ibikwiriye imbere ya Nyagasani.  Ariko yaje kuba umwibone areka kumvira Imana.  Yabaye umubembe kandi abaho wenyine kugeza apfuye.



Umwami Uziya yamaze imyaka isaga 60 ku ngoma. Amaze gupfa, umuhungu we Yotamu yamusimbuye ku ngoma amara imyaka cumi n'irindwi. Imana yahaye Yotamu imigisha kubera ko yumviye ibyo Imana yavugaga binyuze kuri Yesaya n'abandi bahanuzi.



Umwana w'Umwami Yotamu yitwaga Ahazi. Ahazi yimye ingoma afite imyaka makumyabiri, amara imyaka cumi n'itandatu ku ngoma i Yerusalemu. Ahazi ntiyitaga ku Mana. Yasengaga ibigirwamana kandi yatumye abenshi mu bari bagize ubwoko bw'Imana na bo babigenza batyo. Nubwo Yesaya yaburiye Ahazi, ntiyumviye imiburo y'Imana. Yapfuye afite imyaka 35.






Imana yahaye umugisha umwami wakurikiyeho, ari we Hezekiya, kubera ko yakuyeho ibigirwamana byose n'imana z'ibinyoma, maze agasenga Imana y'ukuri. Igihe ingabo z'abanzi zateraga u Buyuda, Hezekiya yari azi ko ingabo ze zari zifite intege nke cyane ku buryo zitashoboraga gutsinda. Yasabye Yesaya gusenga Imana ayisaba kumufasha.

Yesaya yohereje umwami ubutumwa. "Uku ni ko Uwiteka avuga: Ntutinye uyu mwanzi ... Nzamutera kugwa ..." Bidatinze, Imana yatumye ingabo z'abanzi zitarwana na Hezekiya.






Nubwo abantu baribamukikije batatekerezaga cyane ku Mana, Yesaya yayitekerejeho byinshi.



Umunsi umwe,
yagize iyerekwa, ni
nko kugira inzozi
mugihe udasinziriye.
Muri iryo yerekwa,
Yesaya yabonye
uburyo Uwiteka
afite icyubahiro
kandi
cyera.

"Ninde nzohereza nde?" Imana yabajije mu iyerekwa. Yesaya aramusubiza ati: "Ndi hano. Nyohereza." Yariyiteguye gukora ibyo Imana yamusabye, akajya aho Imana yamutumye.






Ahari Yesaya yatekereje ko Imana izamwohereza kubantu ba kure batigeze bumva iby'Imana. Ariko oya, Imana ntiyabikoze. Imana yabwiye Yesaya kuvugana n'abantu be mu gihugu cye.




Yagombaga kubabwira ko Imana yarakariye ibyaha byabo.

Hari ibindi bintu Yesaya yagombaga kubwira ubwoko bwe, ibintu bitangaje bihereranye n'umuntu wari kuzaba umucunguzi ukomeye, wari kuzaza akabakiza icyaha n'abanzi babo bose.




Abayahudi bise uyu muntu "Mesiya". Nubwo bari biteze ko Imana yohereza Mesiya, abantu benshi babayeho nkaho atazigera aza.






Ibintu byose Yesaya yavuze kuri Mesiya byanditswe mu gitabo cye. Nubwo ibyo bintu Yesaya yanditse byari byarahanuwe imyaka ibarirwa mu magana mbere y'uko biba, byose byari gusohora.


Yesaya yavuze ko Imana ubwayo izatanga ikimenyetso. Yaravuze ati "dore umwari azasama inda abyare umuhungu, azamwita Imanweli".



Abantu bari bazi ko Yesaya yavugaga ibyerekeye Mesiya w'Imana, kubera ko umugore atashoboraga kuba isugi kandi akabyara umwana.



Nanone kandi, izina Imanweli risobanurwa ngo Imana iri kumwe natwe!



"Kuko umwana yatuvukiye, twahawe umwana w'umuhungu, kandi ubutware buzaba ku bitugu bye. Izina rye azitwa igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w'amahoro". Yesaya yari yiringiye ko ibyo Imana yasezeranyije byari kuzasohora, ku buryo yabivugaga nk'aho byamaze gusohora. Ibyo byitwa ubuhanuzi.

Yesaya yavuze ko Mesiya azaba mukuru kandi akore ibintu bikomeye. Imana yabwiye Yesaya nanone kubwira abantu ko Mesiya azababara kandi akicwa. Yesaya ashobora kuba yaribajije uburyo Mesiya ashobora kuba ukomeye, afite imbaraga hanyuma afite nintege nke akanakomereka. Ariko Yesaya ntiyatonganye n'Imana - yasubiyemo ibyo Imana yamubwiye kuvuga. Imana yonyine niyo yari kumenya neza ko uko ubuhanuzi bwayo buzasohora.



Mesiya ntiyari kuzazira Abayahudi gusa. Imana yabwiye Yesaya ko Mesiya yari kuba "umucyo uvira abanyamahanga". Abanyamahanga ni abantu bose bo ku isi batari Abayahudi. Imana ikunda abantu bose, kandi Mesiya wayo yari kuzaza kugira ngo ahe abantu bose umugisha kandi azane agakiza kugra ku mpera y'isi.



Yesaya yabonye iby'igihe kizaza

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Yesaya 1, 6, 7, 9, 53

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

# Iherezo

27

60

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16